## Ingaruka z’Impinduka mu Mategeko y’Abinjira n’Abasohoka ku bahabwa servisi na IRC:
## Ibibazo bikunze kubazwa (FAQ)

*IRC yateguye aya makuru n’ibikoresho bigenewe abantu ifasha muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Turizera ko bizafasha abantu kurushaho gusobanukirwa uburenganzira bwabwo n’uko gahunda z’abinjira n’abasohoka mu gihugu zikora.*

*Icyakora, aya makuru ntasimbura ubufasha mu mategeko butangwa n’umunyamategeko w’umwuga cyangwa undi wese utanga serivisi mu by’amategeko wemewe na Leta.*

*Aya makuru ni ay’ukuri kugeza ku wa **10 Gashyantare 2026** kandi ashobora guhinduka vuba bitewe n’impinduka nshya za politiki cyangwa imyanzuro y’inkiko.*

# Politiki nshya z’abinjira n’abasohoka zizangiraho izihe ngaruka?

Politiki z’abinjira n’abasohoka ziri guhinduka vuba kandi zigira ingaruka hafi ku bimukira bose badafite ubwenegihugu bwa Amerika.
Ikibazo cya buri muntu kirihariye bityo umunyamategeko w’inzobere mu by’abinjira n’abasohoka cyangwa uhagarariye amategeko wemewe n’urwego rw’Ubutabera ni we wenyine ushobora kuguha inama zijyanye n’ikibazo cyawe bwite n’amahitamo ufite.
Ibikurikira ni amakuru rusange ashobora kugufasha kubona icyerekezo gikwiye. Ariko icy’ingenzi kurushaho, buri gihe saba inama umwunganizi mu by’amategeko wemewe n’amategeko bijyanye n’imiterere y’ikibazo cyawe bwite.

### Ndi impunzi. Ese nshobora gutakaza uburinzi nahawe cyangwa kwirukanwa hashingiwe kuri politiki nshya z’abinjira n’abasohoka mu gihugu?

Uburenganzira ku buhunzi ntibugira igihe ntarengwa. Ariko, ku wa 21 Ugushyingo 2025, Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yashyizeho politiki nshya isaba gusuzuma no gusubiramo ibazwa ku mpunzi zinjiye muri Amerika hagati ya tariki ya 20 Mutarama 2021 na 21 Gashyantare 2025.
Niba warinjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika nk’impunzi muri icyo gihe, birasabwa ko wagisha inama umunyamategeko w’inzobere mu by’abinjira n’abasohoka mu gihugu ku bijyanye na dosiye yawe n’uburyo wakwitegura kongera kubazwa igihe bibaye ngombwa.Ushobora kubona andi makuru hano.

### Nkomoka mu gihugu kiri ku rutonde rw’ibihugu byafatiwe umwanzuro w’ikumirwa ry’ingendo ziza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika(“travel ban”). Ese nshobora gutakaza uburinzi nahawe cyangwa nkirukanwa hashingiwe kuri politiki nshya z’abinjira n’abasohoka mu gihugu?

Kuwa 2 Ukuboza 2025, Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yashyizeho politiki nshya isaba gusuzuma no kongera gusubiramo ibazwa ku bantu bose binjiye muri Amerika guhera kuwa 20 Mutarama 2021 baturutse mu kimwe mu bihugu 19 byashyiriweho ihagarikwa ry’ingendo (“travel ban countries”). Politiki yaguwe ku wa 2 Mutarama 2026 ibindi bihugu 20 byongerwa ku rutonde. Niba uri umwenegihugu wa kimwe muri muri ibi bihugu kandi warinjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika guhera kuwa 20 Mutarama 2021, ushobora kugisha inama umunyamategeko w’inzobere mu by’abinjira n’abasohoka mu gihugu ku bijyanye na dosiye yawe. Ushobora kubona andi makuru hano.

Mfite Uburenganzira bwo Kurindwa by'Igihe Gito **(Temporary Protected Status – TPS)** cyangwa uruhushya rw'agateganyo rwo kwinjira mu gihugu ku mpamvu z'ubutabazi **(Humanitarian Parole – Parolee)**. Ese nshobora gutakaza uburinzi nahawe cyangwa nkirukanwa bitewe n'izi politiki nshya?

Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yahagaritse Uburenganzira bwo Kurindwa by'Igihe Gito (TPS) ku bihugu byinshi byari byarahawe ubwo burenganzira mbere. Niba TPS ihagaritswe, abafite TPS muri iki gihe ntibazashobora kuvugurura TPS yabo cyangwa uruhushya rwo gukora, kandi bashobora gufungwa no/cyangwa kwirukanwa.

Wareba hano urutonde rugezweho rw'ibihugu byemerewe TPS, ndetse n'amatariki ntarengwakuri buri gihugu.

Parole yahagaritswe ku bantu benshi binjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bafite Parole y'Ubutabazi. Niba ubu ufite uburenganzira bwa Parole, ugomba gushaka byihutirwa ubufasha mu by'amategeko kugira ngo harebwe niba ushobora kongera gusaba Parole cyangwa gusuzuma andi mahitamo yemewe n'amategeko ndetse no kubona n'uburinzi ngo utirukanwa.

## Ni ibihe byangombwa nkwiriye kwitwaza?

**Icyitonderwa:** Birasabwa ko buri gihe witwaza inyandiko z'umwimerere cyangwa kopi zazo. Menya neza ko ufite izindi kopi zibitse ahantu hizewe mu rugo.

| Uburenganzira | Inyandiko zo kwitwaza |
|---|---|
| Niba ufite **uburenganzira bw'abinjira n'abasohoka mu gihugu bwemewe.** | **Itwaze buri gihe inyandiko zigaragaza gihamya y'uburenganzira bwawe bw'binjira n'abasohoka mu gihugu muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, nk'izi zikurikira:**<br>1. **I-551** – Icyemezo cy'uburenganzira bwo gutura burundu muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (Green Card).<br>2. **I-94** – Inyandiko igaragaza ko winjiye mu gihugu mu buryo bwemewe n'amategeko, cyangwa pasiporo yashyizweho kashe yo kwinjira, cyangwa urundi rwandiko rw'inzira ruriho viza/kashe yo kwinjira mu gihugu.<br>3. **Uruhushya rwo Gukora** (Work Permit).<br>4. **I-797** –Icyemezo gihabwa abemerwe kwinjira no gusohokamu gihugu(Approval Notice).<br>5. **Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatanzwe na Leta yawe (State driver's license)** — Ibi bireba gusa abo Leta babamo isaba kwerekana uburenganzira bw'abinjira n'abasohoka mu gihugu kugira ngo bahabwe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga.<br>. |

| | |
|---|---|
| Niba **dosiye yawe igisuzumwa** (bivuze ko wasabye uburenganzira mu by’abinjira n’abasohoka mu gihugu cyangwa uburinzi, ariko ukaba utarabona icyemezo cyangwa igisubizo kui dosiye yawe) | Witwaze **kopi zigaragaza iyakirwa rya dosiye yawe zatanzwe na USCIS (I-797).**<br><br>**Icyitonderwa**: Kuba dosiye yawe ikiri mu isuzumwa ntibikurinda gufungwa cyangwa kwirukanwa. |
| Niba uri mu **rubanza rwo kwirukanwa (removal proceedings) kandi udafite ikarita y’uruhushya rwo gukora**. | Witwaze kopi y’Itangazo ry’Itariki y’Urubanza (**Notice of Hearing**), **kopi zigaragaza iyakirwa rya dosiye zawe**, cyangwa itangazo rya Parole (niba bireba ikibazo cyawe). |
| Niba **udafite ibyangombwa byemewe** n’amategeko | **NTUKITWAZE kopi** y’irangamuntu yawe cyangwa pasiporo yawe y’igihugu uturukamo, kuko bishobora gukoreshwa kukugiraho ingaruka mu rukiko rw’abinjira n’abasohoka mu gihugu.<br><br>**Icyitonderwa**: Ntugomba kwitwaza inyandiko mpimbano cyangwa inyandiko z’undi muntu. |
| Niba **udafite ibyangombwa byemewe n’amategeko** cyangwa **uburenganzira bwawe butarafatirwa icyemezo**, ukaba **utari mu rubanza rwo kwirukanwa**, **KANDI umaze imyaka ibiri cyangwa irenga uba muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.** | Witwaze ibihamya bigaragaza ko umaze imyaka ibiri cyangwa irenga uri muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika kugira ngo wirinde kwirukanwa mu gihugu byihuse (expedited removal).<br><br>**Icyitonderwa**: Ibi ntibikurinda mu buryo bwuzuye gufungwa cyangwa kwirukanwa mu gihugu, ariko bishobora kukurinda kwirukanwa byihuse (expedited removal).<br><br>Ibi bishobora kubamo kopi z’inyandiko zikurikira:<br>• Ibimenyetso by’uko watanze imisoro mu myaka itatu ishize (Gusa niba wakoresheje ITIN cyangwa nimero ya Social Security yemewe).<br>• Amasezerano y’ubukode cyangwa inyandiko z’ubukode.<br>• Inyemezabwishyu z’amazi, amashanyarazi cyangwa izindi serivisi zo mu rugo.<br>• Inyandiko z’ishuri zawe cyangwa z’abana bawe.<br>• Izindi nyandiko zose waba ufite zigaragaza ko umaze imyaka irenga ibiri uri muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. |

## MENYA UBURENGANZIRA BWAWE!

Abantu bose batuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, hatitawe ku burenganzira bwabo mu by’abinjira n’abasohoka mu gihugu, bafite uburenganzira bukubiye mu Itegeko Nshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Niba uhagaritswe cyangwa ubajijwe n'inzego z'umutekano cyangwa iz'abinjira n'abasohoka mu gihugu, wibuke ko **ufite uburenganzira bukurikira:**

- **Ushobora kwanga kuvugana na bo**. Ntabwo utegetswe kuvuga aho wavukiye cyangwa uko winjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.
- Niba utari umwenegihugu wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika kandi umukozi ushinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu agusabye ibyangombwa byawe, ugomba kubimwereka niba wabyitwaje. Buri gihe ujye witwaza ibyangombwa byawe by'abinjira n'abasohoka mu gihugu. **Niba udafite ibyangombwa by'abinjira n'abasohoka mu gihugu, vuga ko ushaka guceceka.**
- uri mu rugo rwawe, **ntutegetswe kwemerera abashinzwe umutekano kwinjira mu rugo keretse berekanye impapuro zemewe n'urukiko zifite umukono w'umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko**.
- Ufite **uburenganzira bwo kuvugana n'umunyamategeko.**
- **Mbere yo gushyira umukono ku nyandiko iyo ari yo yose, banza uvugane n'umunyamategeko.**
- Witwaze Ikarita ya "Menya Uburenganzira Bwawe" (Know Your Rights Red Card) iri mu rurimi rwawe kandi uyerekane niba umukozi ushinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu aguhagaritse.

Koresha imiyoboro iri hasi kugira ngo **ubone andi makuru** ku buryo bwo kurinda uburenganzira bwawe.

**ILRC Red Cards**

**Wehaverights.us**

# Ingaruka z’Impinduka mu Mategeko y’Abinjira n’Abasohoka ku bahabwa servisi na IRC:
# Ibibazo bikunze kubazwa (FAQ)

## Mu rwego rwo kwitegura **ibibazo by'ihutirwa**, birimo gufungwa cyangwa gutandukanywa n'umuryango n'abo ukunda.

Porogaramu ya ReadyNow! ni porogaramu ya telefoni y'ubuntu kandi ifite umutekano, yagenewe gufasha abimukira kwitegura igihe bashobora gufungwa no gufata ingamba byihuse mu bihe by'ihutirwa. Iyi porogaramu ituma ushobora kumenyesha vuba inshuti n'umuryango wawe amakuru y'ingenzi abafasha gufata ingamba byihuse no kugufasha niba ufashwe n'inzego z'abinjira n'abasohoka mu gihugu. Porogaramu iboneka mu ndimi zitandukanye.

1. **Sisitemu y'imenyesha ry'ihutirwa rikora ukoresheje gukanda rimwe gusa**. Buto y'imenyesha ihita imenyesha vuba abo wagennye kumenyeshwa mu bihe byihutirwa n'umutanga bufasha mu by'amategeko, ibagezaho gahunda zawe zihutirwa mu gihe waba ufashwe n'inzego z'abinjira n'abasohoka mu gihugu.
2. **Gahunda yoroshye yo kwitegura ibihe byihutirwa**. Gahunda yawe yihutirwa ni urutonde rw'ubutumwa bwateguwe ku buryo bwihariye bwo kohereza ku bantu bagufasha mu gihe waba ufashwe n'inzego z'abinjira n'abasohoka mu gihugu

    - Mbere na mbere, tegura ubutumwa bugenewe ubufasha mu by'amategeko. Ubu butumwa buzoherezwa ku mwunganizi mu mategeko wawe mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu niba umufite. Niba utamufite, ushobora guhitamo gusangiza amakuru yawe n'urusobe rw'abunganizi mu mategeko bakora ku buntu (pro bono).
    - Icya kabiri, tegura ubutumwa bw'umutekano bwihariye bugenewe inshuti zawe za hafi n'umuryango. Ubu butumwa buzaba bukubiyemo amakuru bakeneye kugira ngo babashe kumenya aho uri no kukuvuganira. ReadyNow! iragusaba gushyiramo izina n'amakuru y'itumanaho y'umwunganizi mu mategeko wawe (niba umufite), nimero yawe ya A (A-number) hamwe n'umuyoboro (link) ujya ku rubuga rwa ICE rwo gushakisha abafunzwe (online detainee locator) kugira ngo abo ukunda babashe kukubona, amakuru yose y'ingenzi ajyanye n'ubuzima bwawe, ndetse n'aho inyandiko zawe z'ingenzi zibitse.
    - Icya gatatu, tegura ubutumwa butandukanye bwihariye bujyanye no kwita ku bana, kwita ku bakuze (abasaza n'abakecuru), kwita ku matungo, ndetse no kubura ku kazi bitunguranye. Buri butumwa, niba uhisemo kubutegura, buzoherezwa ku bantu wageneye kwakira ayo makuru.

    Icyitonderwa ni uko ushobora kwifuza gusangiza gahunda zawe zihutirwa umuryango wawe n'inshuti zawe mbere yo gukanda Buto y'imenyesha (Alert Button). Porogaramu ya ReadyNow! itanga uburyo bwo gusangiza kopi ya gahunda zihutirwa abantu b'ingenzi wabigeneye mbere y'igihe.

3. **Ubufasha mu by'amategeko.** Mu gihe utegura gahunda yawe y'ubutabazi bwihuse, uzahabwa amahitamo yo gutanga uburenganzira bwawe bwo gusangiza amakuru yawe n'abatanga serivisi z'amategeko mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu n'abavuganira abari mu bibazonk'ibyo. Niba uhisemo ubu buryo kandi ugakanda Buto y'imenyesha (Alert Button), amakuru yawe azahita asangizwa abo bose, maze sisitemu igerageze kuguhuza n'umufasha mu by'amategeko wizewe. Icyitonderwa ni ukumenya ko guhitamo ubu buryo ntibyemeza ko uzahita uhabwa umunyamategeko mu gihe wafungwa, kuko bizaterwa n'uko baboneka, aho uherereye, ndetse n'ubwoko bw'ikibazo cy'amategeko ufite.

**Ibanga n'umutekano ku makuru yawe**. Amakuru yose ararindwa mu buryo bw'ibanga (encrypted), abikwa gusa kuri telefoni y'ukoresha serivisi, kandi asibwa nyuma yo kohereza ubutumwa bumenyesha (alert). Ibi bituma abakozi ba Leta batabasha kuyageraho mu gihe telefoni yafashwe.

ReadyNow! Iboneka ubu ku buntu mu kuyimanura (download) kuri **Apple App Store** no kuri **Google Play**.

Andi makuru n'ibikoresho ushobora kwifuza gusangiza umuryango wawe n'inshuti kugira ngo mwitegure igihe hashobora kubaho gufungwa kandi mubashe kubyitwaramo neza, ushobora kuyisanga mu nyandiko yitwa "Ibintu 5 Wakora Niba Uwo Ukunda Afashwe na ICE cyangwa Border Patrol."

## Nabona nte ubufasha mu by'amategeko n'izindi nkunga?

Vugana n'umunyamategeko w'inzobere mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu cyangwa umukozi wemewe w'Urwego rw''Ubutabera kugira ngo akugire inama ku mahitamo yawe nk'umwimukira muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Vugana n'umunyamategeko wigenga w'inzobere mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu cyangwa uvugane n'umuryango udaharanira inyungu utanga serivisi z'amategeko mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu kugira ngo umenye amahitamo yawe.

Ushobora gushakisha umunyamategeko wigenga w'inzobere mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu mu gace utuyemo ukoresheje American Immigration Lawyers Association cyangwa Asylum Seeker Advocacy Project (urutonde rwa banyamategeko bigenga ba ASAP). National Immigration Legal Service Directory nayo ifite urutonde rw'imiryango idaharanira inyungu itanga serivisi z'amategeko mu by'abinjira n'abasohoka hirya no hino mu gihugu, rushobora gushakishirizwamo hakurikijwe agace uherereyemo.  Kubera ubwinshi bw'ababikeneye, kubona ubufasha bwihuse ku batanga serivisi z'amategeko bishobora kugorana.

Ushobora kandi guhamagara imirongo ya Rapid Response Network of Hotlines mu gace utuyemo (Hotlines) ugahabwa ubufasha mu bihe bitunguranye, kuko bafite servisi zabugenewe zifasha imiryango.

**Irinde uburiganya mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu**

**Saba kumenya impamyabushobozi z'umwunganizi mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu cyangwa uhagarariye wemewe na Minisiteri y'Ubutabera ugufasha**

- Wibuke ko abanyamategeko b'inzobere mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu n'abakora izi servisi bemewe ari bo bonyine bashobora kuguha inama z'amategeko. Irinde "notarios" cyangwa aba noteri badafite uburenganzira cyangwa ubumenyi bwo gutanga inama mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu. Nubirinda bizagufasha kudatakaza igihe n'amafaranga ndetse no kudatuma wowe n'ikibazo cyawe birushaho gukara.

- Mbere yo guha akazi umuntu ngo agufashe ku kibazo cyawe, mubaze ku bijyanye n'impamyabushobozi n'uburambe bwe. Ese uwo muntu ni umunyamategeko cyangwa Atanga servisi byemewe? Afite uburambe bungana iki mu by'amategeko ajyanye n'abinjira n'abasohoka mu gihugu? Kanda kuri uyu muyoboro kugira ngo ubone andi makuru ku buriganya mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu(Immigration Scams).

## Koresha imiyoboro iboneka hasi kugira ngo ubone **ubufasha mu by'amategeko** mu mujyi utuyemo:

| Immigration Advocates Network **(Urusobe rw'abatanga serivisi z'amategeko mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu)** | American Immigration Lawyers Association**(Ishyirahamwe ry'Abanyamategeko b'Abanyamerika mu by'abinjira n'abasohoka mu gihugu)** | ASAP list of private attorneys **(Urutonde rwa banyamategeko bigenga ba ASAP)** | Rapid Response Network of Hotlines **(Urusobe rw'imirongo y'ihutirwa yo gutabara vuba)** | ImportaMí *(ku rubyiruko rwinjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika rudaherekejwe n'umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko)* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |